REPUBULIKA Y'U RWANDA

INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE

RAPORO Y'IGIKORWA CYO GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI MU GIHEMBWE CYA GATATU 2016 – 2017

Mu rwego rwo gusuzuma imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi no kumenya aho ugeze ufasha abatuye umudugudu gukemura ibibazo by'amakimbirane mu ngo zabo no mu baturanyi, kujya inama no gufatanya mu bikorwa by'iterambere;

Inama y'Igihugu y'Abagore yateguye igikorwa cyo gusura Umugoroba w'Ababyeyi mu Midugudu y'Uturere dutandukanye mu rwego rwo gukurikirana imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi no kurebera hamwe n'abawugize aho bageze bawitabira banakemura ibibazo biri mu miryango n'umusaruro byatanze.

Muri iki gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2016 - 2017, nk'uko bigaragara mu Muhigo Igihugu y'Abagore yagiranye na Minieiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi yakurikiranwe mu Midugudu y'Uturere dukurikira: Kirehe, Ngoma, Gicumbi, Rulindo, Nyamasheke, Rusizi, Gisagara, Nyanza, Muhanga na Nyarugenge.

Ifoto 1: Ababyeyi bo mu Mudugudu wa Gahara, Akagali ka Butezi, Umudugudu Cyasusa I,

bitabiriye Umugoroba w'Ababyeyi

IMBONERAHAMWE YA RAPORO MU GUKURIKIRANA IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
KIREHE, Gahara, Butezi, Cyasusa I	**Ubwitabire mu Mugoroba w'ababyeyi**	Muri uyu mudugudu ababyeyi bagombye kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi ni 273 ariko abakunze kwitabira bari hagati ya 205-190	Ababyeyi bitabira babaye intangarugero mu bandi, abayobozi b'inzego z'ibanze ntibagihura n'ibibazo byinshi kuko bikemurirwa mu Mugoroba w'Ababbyeyi	Haracyari umubare w'ababyeyi ungana na 70 utitabira Umugoroba w'Ababyeyi	Hafashwe gahunda ko umubyeyi witabira Umugoroba w'Ababyeyi yajya azana umuturanyi we utitabira
	Gutoza indangagaciro na kirazira	Ababyeyi bakanguriwe kugira indangagaciro na kirazira, kugira imyitwarire y'umubyeyi, kwirinda ingeso mbi zituma abana babasuzugura bakabakuraho imico mibi	Ababyeyi bamwe basobanukiwe n'ibyiza byo kwimika indangagaciro na bakareka umuco wo kwiyandarika, kujya mu kabari no gusinda cyane cyane ababyeyi b'abagore	Haracyari ababyeyi batazi indangagaciro z'umubyeyi, bakigendera mu ngeso mbi	Gukomeza kwigisha indangagaciro na kirazira, no gukangurira ababyeyi kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi ari benshi
	Kwimakaza imirire myiza mu muryango	Abajyanama b'ubuzima nibo batanga inyigisho ku mirire myiza no ku buryo indyo yuzuye itegurwa	Hari umwana 1ufite ikibazo cy'imirire mibi ariko kubera izo nyigisho ubu yayivuyemo kuko yakurikiranywe kandi agahabwa indyo yuzuye (harimo n' imbuto)	Ababyeyi batitabira UWA usanga ari bo batagira uturima tw'igikoni ntibitabire n'inyigisho zo kuboneza imirire	Gukomeza gukangurira ababyeyi bose kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Kwimakaza isuku mu muryango	Abajyanama b'ubuzima nibo batanga inyigisho ku isuku n'isukura no ku ngaruka z'umwanda binyuze mu Mugoroba w'Ababyeyi	Ababyeyi basobanukiwe n'akamaro ko kugira isuku, buri wese aharanira kugira ibyangombwa biranga isuku: gukurungira inzu, umusarani upfundikiye, umugozi wo kwanikaho imyenda n'ibindi...	Hari ingo usanga zitujuje ibyangombwa biranga isuku cyane cyane ingo zititabira Umugoroba w'Ababyeyi. Usanga zarasigaye inyuma	Gukomeza ubukangurambaga ku miryango ititabira ibikorwa by'isuku
	Ikibazo cyo guta ishuri ku bana	Ibi bibazo babifashwamo n'ababyobozi b'inzego z'ibanze, batanga ibiganiro ku nshingano z'ababyeyi n'uburenganzira bw'umwana	Hashyizweho ishuri ry'incuke rifasha abana bataratangira ishuri, ibyo bigatuma batirirwa mu muhanda. Nta mwana utiga muri uyu mudugudu	-	Gukomeza gukangurira ababyeyi ibyiza byo kujyana abana mu marerero
	Kurwanya gutwita kw'abangavu	Muri uyu mudugudu hari abangavu 3 batwaye inda, barabegereye barabaganiriza, bagira igihe batumira urubyiruko bakabaganiriza ku ngaruka zo kwishora mu ngeso mbi z'ubusambanyi no kunywa ibiyobyabwenge	Kubera ubukangurambaga no kuganiriza urubyiruko, bagenda basobanukirwa n'ubuzima bw'imyororokere n'ububi bwo kwishora mu ngeso mbi.	Haracyari ababyeyi bigifite imyumvire mike badafata umwanya wo kuganiriza abana bigatuma bakura amakuru ahandi kandi atari meza	Gukomeza gahunda yo kuganiriza urubyiruko ku buzima bw'imyororokere mu Mugoroba w'Ababyeyi

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Gukorana n'ibigo by'imari	Hatanzwe ibiganiro ku kamaro ko kwibumbira mu matsinda n'amashyirahamwe no gukorana n'ibigo by'imari	Hashyizweho amatsinda yo kubitsa no kugurizanya, aho buri tsinda rigizwe n'abantu 30, baterana kabiri mu cyumweru, bafunguje konti mu Murenge SACCO	Haracyagaragara ababyeyi batari mu matsinda kandi badakorana n'ibigo by'imari	Gukomeza ubukangurambaga no gukora amatsinda yo kubitsa no kugurizanya
NGOMA Remera, Bugera, Gasebeya	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Hitabiriye ababyeyi 120, harimo abagore 55 n'abagabo 65 Ibiganiro ku kamaro ko kwitabira mu Umugoroba w'Ababyeyi uteranira mu Mudugudu	Ababyeyi bamaze gufata umuco wo kwishakamo ibisubizo, ku buryo ubu bitewe n'uko abantu baturanye, bigabanyijemo ibyo bise amasibo, ni ukuvuga ingo 10 zegeranye, bakitoramo umuyobozi ubakurikirana kandi akababakorera ubuvugizi aho biri ngombwa	Haracyari umubare munini w'ababyeyi batitabira ibyo bigatuma bahorana amakimbirane n'ibindi bibazo kandi ibyo bibazo bikagera mu Mudugudu wose	Gukomeza ubukangurambaga, abayobozi b'amasibo bagakurikirana ababyeyi bafite mu isibo batitabira, bakaganirizwa.
	Kwimakaza imirire myiza mu muryango	Hakozwe ubukangurambaga mu rwego rwo kurwanya imirire mibi, abagize umuryango bigishijwe ibigomba kwitabwaho mu rwego rwo kurwanya imirire mibi	Ababjyanama b'ubuzima batanga inyigisho yo kuboneza imirire no gupima abana		Gukomeza gusura ingo zigifite imyumvire ikiri hasi
	Kurwanya	Hakozwe ubukangurambaga mu	Kubera ubukangurambaga,	Haracyari abakobwa	Gukomeza

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	gutwita kw'abangavu	rubyiruko babigisha ingaruka zo kujya mu ngeso mbi (ubusambanyi, ubusinzi, kunywa ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi	urubyiruko rwasobanukiwe n'ingaruka zo kujya mu ngeso mbi nabo bafata ingamba zo kubikangurira bagenzi babo no gukangurira abangavu babyaye gusubira mu ishuri	b'abangavu batwara inda, hanyuma bagasigira abana ababyeyi babo bakigendera, bigatera ingaruka kuri abo babyeyi ndetse no ku bana	ubukangurambaga mu rubyiruko
	Gukorana n'ibigo by'imari	Ababyeyi bose bakanguriwe ibyiza byo gukorana n'ibigo by'imari, kwibumbira mu matsinda no gukorera hamwe mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya	Bamaze igihe gito bashinze itsinda ryo kubitsa no kugurizanya mu Mugoroba w'Ababyeyi wabo, banafunguje konti. Muri uyu mudugudu nta mugore utari mu itsinda	Ntabwo barafata umuco wo gukorana n'ibigo by'imari	Gukomeza ubukangurambaga
RULINDO Shyorongi, Kijababwe, Rugendabari	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Umugoroba w'Ababyeyi witabiriwe n'abantu **120**, bagizwe n'Abagabo **33** n'Abagore **87**	Hafashwe gahunda yo gusura ingo mu rwego rwo kubakangurira kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi	Imyumvire ku bagabo iracyari hasi cyane, ntibitabira	Gukomeza ubukangurambaga
	Gutoza indangagaciro no kuzamura imyumvire ku	Hatanzwe ibiganiro ku kunoza imibanire mu rugo no kugira imyitwarire ibereye ababyeyi b'u Rwanda	Bagaragaje ko ingo nyinshi zari zibanye nabi, imyitwarire y'abagabo n'abagore yari iteye ikibazo muri uyu mudugudu :	Hari ababyeyi cyane abagabo batarareka ingeso y'ubusinzi	Gukomeza ubukangurambaga no gusura ingo zagaragaweho imyitwarire mibi mu

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	bagize umuryango		ubusinzi, ubusambanyi, amakimbirane n'ibindi ku buryo kuri iyo myitwarire igayitse bari ku isonga. Nyuma yo guhabwa amahugurwa na RWAMREC n'Umugoroba w'Ababyeyi abatuye uyu mudugudu barahindutse ku buryo basigaye bajya kwigisha no mu tundi tugari nabo bagahinduka. Bamenye kandi ko urugo rwubakwa n'abantu babiri ntiruharirwe umuntu umwe gusa bityo ibikorwa byabo bikuzuzanya.		rwego rwo kubagira inama
	Kwimakaza isuku mu muryango	Hatanzwe ibiganiro bikangurira abagize umudugudu kwita ku isuku yo mu rugo, ku mubiri, isuku y'abana, isuku y'ibikoresho byo mu rugo n'isuku y'ubwiherero Hashyizweho gahunda yo gusura ingo mu rwego rwo kugenzura isuku	Ingo nyinshi zagaragara mo isuku nke, imyambaro yabo abenshi usanga isa nabi, ariko nyuma yo kujya banengana mu Mugoroba w'Ababyeyi hagiyeho gahunda yo kugurirana ibitenge, gusasirana bagurirana za matelas n'ibindi…	Haracyaboneka imiryango ifite ubwiherero budafite isuku ihagije	Gukomeza ubukangurambaga no gusura ingo babagira inama

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Guca ubuzererezi bw'Abana no gusubiza abana mu ishuri	Ibiganiro ku nshingano z'ababyeyi n'uburere n'uburezi bw'abana	Ababyeyi bakanguriwe kujyana abana ku ishuri no kutabemerera kujya gucuruza ibisheke kubera ko bahinga ibisheke byinshi ku nkengero ya Nyabarongo. Hashyizweho amabwiriza ajyanye n'ibihano bihabwa umwana ugaragara nk'inzererezi	Haracyari abana bata ishuri bakirirwa bazerera ku ma centre y'ubucuruzi	Gukomeza kwigisha ababyeyi ku nshingano zabo no ku burere bw'abana
	Imirire myiza mu muryango	Mu Mugoroba w'Ababyeyi hatanzwe ibiganiro kandi hanigishwa uburyo bwo gutegura indyo tuzuye. Abajyanama b'ubuzima baza gupima abana kandi bagasura ingo mu rwego rwo kugenzura ko ababyeyi bategurira abana indyo yuzuye.	Bashyizeho gahunda y'igikoni cy'umudugudu cyigishirizwamo ibijyanye n'imirire myiza cyane cyane indyo yuzuye ku bana . Nta mirire mibi ikigaragagara mu bana bo muri uyu mudugdu cyangwa se abagwingiye.	Hari ababyeyi bakiba mu ngeso mbi z'ubusinzi, amafaranga bakayanywera inzoga aho kugurira abana ibyo kurya bakeneye (amata, amafi, amagi)	Biyemeje gukomeza gusura ingo zikirangwamo imyumvire mike no kubagira inama
GICUMBI Byumba, Nyarutarama Nyande	Hitabiriye abantu 97. Abagore bari 80 n'Abagabo 17. Basobanuye ko kuri uwo munsi hitabiriye bake kuko abandi bari batabaye	Hatanzwe ikiganiro kigamije gukangurira abagore by'umwihariko kurushaho kurangwa n'imyitwarire ibereye umunyarwandakazi. Basobanukiwe n'uburenganzira bw'umugore n'inshingano ze. Banasabwe gutegura neza no kuzitabira amatora y'Umukuru	Gahunda y'Umugoroba w'Ababyeyi yahawe agaciro kurushaho mu Mudugudu nyuma yo kubona ko no ku rwego rw'Igihugu bamanuka bakaza gukurikirana imikorere yayo ku rwego rw'umudugudu.	Ikibazo cy'imiryango igirana amakimbirane kandi ntibemere ko indi miryango ibafasha Ikibazo kijyanye n'Ubumenyi buke kuri Komite Nyobozi bashyikirizwa ibibazo	Komite izajya ibasanga iwabo cyangwa ahandi bifuza ko bahurira. Bazasurwa kandi bagirwe inama Bazatumira ababaha ibiganiro

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	umuturanyi wapfushije umwana	w'Igihugu.		bimwe ntibabashe kubisubiza cyangwa ngo hafatwe ingamba Bagaragaje ikibazo cyo kutagira ivuriro ribegereye bigatuma ababyeyi babyarira mu nzira.	hanahugurwe Komite z'Umugoroba w'Ababyeyi kugira ngo banoze imikorere
	Gutoza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda	Abayoboye Umugoroba w'Ababyeyi wa Nyande, bongeye gusaba ababyeyi batuye umudugudu kurangwa n'myitwarire ibereye umubyeyi w'u Rwanda. Bagaye bake bakigaragaraho ubusinzi n'indi myitwarire igayitse, babasaba kwikebura.	Hafashwe gahunda ko buri gihe uko Umugoroba w'Ababyeyi wateranye bazajya bavuga ku kibazo cy'ubusinzi kikigaragara mu Mudugudu	Hari abasinda bagata inshingano zabo nk'ababyeyi kandi ingo zabo zikarangwamo ihohoterwa	Gukomeza ubukangurambaga n'ibiganiro bihoraho
	Kwikamakaza imirire myiza mu muryango	Hatanzwe ibiganiro ku gutegura indyo yuzuye no kuberekera uburyo itegurwa	Imiryango itatu (3) ifite abana bagaragaza ibimenyetso by'indwara ziterwa n'imirire mibi, yasabwe kubitaho ku buryo bwihariye. Abagize Komite y'Umugoroba w'Ababyeyi biyemeje ko bagiye gusaba buri rugo kugira akarima k'igikoni kandi bagakurikirana ko gakoreshwa	Hari ababyeyi batitabira Umugoroba w'Ababyeyi bigatuma badakurikira gahunda hamwe n'abandi	Gukomeza ubukangurambaga

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
			uko bikwiye kugira ngo barusheho gukumira icyo kibazo		
	Kwimakaza isuku mu muryango	Hatanzwe ibiganiro bikangurira abantu kugira isuku mu ngo, ku mubiri no ku bikoresho byo mu rugo, hanashyirwaho gahunda yo gusura imiryango mu rwego rwo kugenzura isuku mu ngo.	Imiryango 20 yakurungiye amazu akurungiye nyuma yo kugirwa inama mu Mugoroba w'Ababyeyi, basaba ko n'indi itarabikora yakomeza izo gahunda. Hafashwe umwanzuro ko bagiye kubakirana ubwiherero ku batabufite ku buryo uyu mwaka uzarangira buri rugo rufite ubwiherero bufite isuku ihagije kuri buri rugo rutuye umudugudu.	Hari imiryango igifite imyumvire mike mu kwimakaza isuku	Gukomeza ubukangurambaga no kugira inama imiryango.
	Ubuzererezi no guta ishuri kw'abana	Hatanzwe ibiganiro ku babyeyi mu rwego rwo kubakangurira inshingano zabo nk'ababyeyi no kwita ku burere n'uburezi bw'abana	Imiryango 5 yatanze ubuhamya bagaragaza ko bari bafite abana babananiye bakava mu ishuri. Komite yabafashije gukurikirana ikibazo none abana basubijwe mu ishuri.	Hari ababyeyi batubahiriza inshingano zabo	Gukomeza ubukangurambaga ku babyeyi.
NYAMASHEKE, Rangiro, Murambi, Munini	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Umugoroba w'Ababyeyi witabiriwe n'abantu 650, abagore 470 n'abagabo 180	Kubera ubukangurambaga bwakozwe mu kwitabira byatumye abaturage b'uyu mudugudu bitabira	Haracyari imyumvire mike ku bagabo n'abayobozi batuye mu Mudugudu	Ggurambagaukomeza ubukan

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Imibanire mu muryango	Hatanzwe ibiganiro ku mibanire myiza mu muryango bakangurira abaturage umuco wo kuganira mu miryango	Abatuye umudugudu biyemeje kwimakaza umuco wo kuganira mu muryango, gushakira hamwe umuti w'ibibazo bahura nabyo mu rwego rwo kwirinda amakimbirane	Haracyari imiryango ifitanye amakimbirane kubera kutaganira ku bibazo bafite ngo babifatire umwanzuro	Gukomeza kubikangurira ababyeyi
	Isuku n'isukura	Hatanzwe ibiganiro ku isuku nke mu miryango, aho batuye, ibikoresho byo mu rugo n'isuku y'abana	Kubera ubukangurambaga bwakozwe, imyumvire y'abatuye umudugudu yarahindutse, basobanukirwa n'ibyiza byo kugira isuku mu rugo.	Ikibazo kiracyagaragara mu Midugudu cyane cyane ku isuku nke y'abana	Gukomeza ubukangurambaga binyuze mu Mugoroba w'Ababyeyi
	Gusangira amakuru	Haganiriwe cyane ku buryo bwo guhana amakuru no kwitegura igihembwe cya 2 cy'ihanga, uburyo bazabona ifumbire n'imbuto	Abaturage babonye ifumbire n'imbuto ku gihe	Hari abaturage bahinga ibihingwa bitateganyijwe mu Mudugudu wabo kandi bahawe ifumbire n'imbuto	Gukomeza guhana amakuru
	Umuco wo kuzigama	Hatanzwe ibiganiro bikangurira abatuye umudugudu kujya muri gahunda yo kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari	Abatuye mu Mudugudu batari mu bimina biyemeje kubijyamo bafashijwe na Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi	Hari abaturage bagifite imyumvire mike ku bijyanye no kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari	Gukomeza gukangurira abaturage gahunda yo kwizigamira.

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Kuremera abatishoboye	Mu Mugoroba w'Ababyeyi bashyizeho umuco wo gufashanya cyane cyane ku batishoboye	Mu mudugudu bafata umunsi bagaha umubyizi (guhinga no gutera imbuto) cyane cyane bigakorerwa abakecuru, abasaza n'abandi bigaragara ko nta ntege zo guhinga bafite	Hari igihe bajya gutanga umubyizi ari bake kubera ko abandi batitabiriye Umugoroba w'Ababyeyi ngo bagire amakuru	Gukomeza gukangurira abaturage umuco mwiza wo gufashanya no kuremerana.
RUSIZI Nzahaha Rwinzuki Gasave	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Hitabiriye abantu 245, harimo abagore 180 n'abagabo 65 Hatanzwe ikiganiro ku byiza byo kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi	Bafashe gahunda yo kujya batumira urubyiruko mu Mugoroba w'Ababyeyi kugirango babaganirize	Hari abagifite imyumvire mike ku Mugoroba w'Ababyeyi	Gukora ubukangurambaga buhoraho
	Kwimakaza imirire myiza mu muryango n'isuku	Hatanzwe ibiganiro bijyanye n'imirire myiza n'isuku no gusura ingo zifite isuku nke, bakangurirwa kugira ubwiherero	Abaturage biyemeje kugira isuku mu ngo, ubwiherero n'isuku ku mubiri hamwe n'isuku y'abana	Ingo zimwe nta bwiherero zifite Isuku nke cyane cyane ku bana	Gukangurira ingo zose kugira ubwiherero baniyemeza gushyiraho gahunda yo gusura ingo
	Guta ishuri kw'abana	Ikiganiro cyo gukangurira ababyeyi kwita ku burere n'uburezi bw'abana hirindwa ubuzererezi aho abana bajya mu Bugarama, gusarura no kwikorera umuceri (gukorera amafaranga)	Ababyeyi biyemeje kurwanya iki kibazo ku bufatanye n'inzego z'ibanze	Haracyari abana bata ishuri bajya gukorera amafaranga	Gukomeza gusaba abayeyi gufatanya n'abarimu kugirango babamenyeshe abana bataza ku ishuri
	Gukorana n'ibigo by'imari	Hatanzwe ibiganiro kirebana no kwizigama no gukorana n'ibigo by'imari cyane cyane Umurenge Sacco	Hakozwe amatsinda yo kwiziga no kugurizanya hagamijwe gutoza abaturage umuco wo kwizigamira no	Abagore benshi ntibafite konti mu bigo by'imari.	Gukangurira abagore kugira konti mu bigo by'imari cyane cyane Umurenge Sacco

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
			gukorana n'ibigo by'imari		batitaye ko abagabo babo bazifite
	Mutuelle de Sante	Ikiganiro gikangurira abaturage kugura Ubwisungane mu kwivuza y'umwaka utaha hakiri kare	Bakoze ibimina by'ubwisungane mu kwivuza bibafasha kuzigamira ubwisungane mu kwivuza	Ikibazo cyo kubonera ubwishingizi bwo kwivuza ku bagize umuryango wose icyarimwe	Gukomeza ubukangurambaga
	Gukemura amakibirane mu miryango	Hatanzwe ibiganiro bikangurira imiryango kubana neza banahabwa imfashanyigisho ya « NOZA IMIBANIRE MU MURYANGO » yatanzwe na MIGEPROF	Imiryango yakurikiye ibi biganiro ibanye neza bahinduye imyitwarire	Haracyari abashakanye bacana inyuma bigateza amakimbirane	Ubukangurambaga burakomeza binyize mu biganiro mu Mugoroba w'Ababyeyi
MUHANGA, Kiyumba Ruhina Gatwa	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Hitabiriye abantu 322, abagore 127 n'abagabo 195 Hatanzwe ibiganiro bisobanurira abaturage Umugoroba w'Ababyeyi n'ibyiza byo kuwitabira	Abagabo bahaye agaciro imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi kuko muri uyu Mudugudu abagabo bawitabira ari benshi	Imyumvire mike ku bantu bake batitabira buri gihe ugasanga hari amakuru badafite	Bakomeza gukora ubukangurambaga
	Gutoza indangagaciro na kirazira	Hatanzwe ibiganiro ku muco nyarwanda basaba abayeyi kuwutoza abana	Ababyeyi bagerageza kuganiriza abana gukomera ku muco nyarwanda nko kwirinda ubuzererezi no kunywa ibiyobyabwenge	Hari ababyeyi bamwe bataye umuco (ubusinzi,..) bataganiriza abana babo Hagaragajwe ikibazo cya MUKANSANGA	Gukomeza kwigisha ababyeyi Hatoranyijwe abantu batatu bazajya

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
				Veneranda uca inyuma umugabo we NDESHYO Philippe	kuganiriza uyu muryango no kubagira inama
	Kwimakaza isuku mu muryango	Hatanzwe ibiganiro ku isuku mu muryango, harimo isuku y'ibikoresho byo mu rugo, isuku y'abana n'isuku y'ubwiherero Gusura imiryango mu rwego rwo kugenzura isuku Harwanyijwe nyakatsi ku buriri Ingo zose zirara mu nzitiramubu	Abitabira Umugoroba w'Ababyeyi bose basobanukiwe n'akamaro k'isuku. Abatari bafite ubwiherero busukuye babafashije kubwubaka. Bashyizeho ikimina cy'ubwisungane mu kwivuza	Hari ingo zimwe usanga imyumvire ikiri hasi	Gukomeza ubukangurambaga no gusura ingo
GISAGARA, Ndora, Cyamukuza, Giseke	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Ababyeyi 204 baturutse mu ngo 168 abagore 127 abagabo 77	Abitabira Umugoroba w'Ababyeyi bamaze kujijuka	Hari abagabo bamwe batitabira Umugoroba w'Ababyeyi	Gukomeza ubukanguramnaga
	Gahunda mboneza mikurire y' abana	Ubuhamya ku kuntu bahuje ubushobozi mu gushaka aho bazubaka ECD	Baguze ikibanza cyo kubakamo ECD	Ikibanza ntikirubakwa kubera amikoro make	Ku Karere babemereye kubakorera ubuvugizi
	Kwimakaza isuku mu muryango	Bashimiwe ko hari imiryango yimakaje isuku mu rugo ku biribwa, ku myambaro n'isuku y'abana	Barabyishimiye biyemeza gukomeza kugira isuku nk'umuhigo kandi bakabitoza abandi batarabasha kubigeraho	Hari ingo zikigira umwanda mu ngo n'isuku nke ku bana.	Gukomeza ubukangurambaga

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Guta ishuri kw' abana	Hagaragajwe imiryango yasuwe	Hasuwe imiryango 7, iraganirizwa kandi ihabwa inama, ku buryo abana 7 basubijwe mu ishuri	Hari n'abana basiba ishuri kubera ingeso mbi	Gukomeza ubukangurambaga mu ngo z'abaturanyi
	Imirimo mibi ikoreshwa abana	Hatanzwe ibiganiro mu Mugoroba w'Ababyeyi ku « Uburenganzira bw'abana »		Ubukene	Basabwe kubyara bake kandi bagateganyirizwa
	Gukorana n' ibigo by' imari	Hakozwe Ubukangurambaga ku miryango kugirango bitabire gahunda yo kubitsa no kugurizanya no gufungura konti mu Murenge Sacco	Mu Mudugudu bafite ikimina cyo kubitsa no kugurizanya, bafite n'ikimina cy'ubwisungane mu kwivuza	Nta mahugurwa ahagije bafite kuri gahunda yo kubitsa no kugurizanya	Gukomeza ubukangurambaga no gusaba amahugurwa kuri gahunda yo kubitsa no kugurizanya
	Kuboneza imirire	Hatanzwe ibiganiro ku gutegura indyo yuzuye no gutegura igikorwa cyo guha abana amata	Abajyanama b'ubuzima baza kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye, gupima abana ibiro no kwigisha gutegura imirima y'igikoni	Haracyari ababyeyi bafite imyumvire ikiri hasi	Gukomeza ubukangurambaga no gusura imiryango
	Gutwita kw'abangavu	Haganirijwe urubyiruko rw'abakobwa n'abahungu ku byerekeye Ubuzima bw'imyororokere.	Abangavu 7 babyariye iwabo bakava mu ishuri bafashijwe kurisubiramo	Hari abangavu bagifite imyumvire mike ku byerekeranye n'ubuzima bw'imyororokere	Ababyeyi basabwe kujya baganiriza abangavu mu miryango

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
NYANZA, Busasamana, Gikondo, Bigega	**Ubwitabire mu Mugoroba w'ababyeyi**	Abitabiriye bari 174, abagore 169 n'abagabo 5. Hatanzwe ibiganiro ku mikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi	Nyuma y'ibiganiro ku mikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi, abaturage bawitabiriye ari benshi biha na gahunda yo gukangura abandi	Ubwitabire bw'abagabo buracyari buke cyane, ngo bitwaza ko baba bagiye guhahira urugo	Gukomeza ubukangurambaga
	Gutoza indangagaciro na Kirazira	Bahawe ibiganiro ku « Ubufatanye no Gukunda Igihugu »	Gukorera hamwe, kwitabira gahunda za Leta	Kutabona amahugurwa ahagije	Gukomeza gutanga ibiganiro
	Kwimakaza imirire myiza myiza mu miryango	Kwigisha ababyeyi gutegura indyo yuzuye, kugaburira abana no kubakirana uturima tw'igikoni Abajyanama b'ubuzima baza gupima abana igihe Umugoroba w'Ababyeyi wateranye	Nta ndwara z'imirire mibi ziri mu Mudugudu Mu Mudugudu nta bana bagwingiye bahari	Ababyeyi bamwe batitabira Umugoroba w'Ababyeyi ntibazi gutegura indyo yuzuye Ababyeyi batitabira gahunda yo gupimisha abana	Gusura abagore batitabira Umugoroba w'Ababyeyi mu rwego rwo kubakangura Gukomeza kwigisha ababyeyi
	Kwimakaza isuku mu muryango	Hatanzwe ibiganiro ku kwimakaza isuku, hanasuwe ingo 6 harebwa isuku	Kubera gusura ingo byatumye ababyeyi bita ku isuku, Hatangiye gahunda ya Dusasirane	Hari ubwo bagira ubushobozi buke muri gahunda ya Dusasirane	Kwibumbira mu matsinda ya Dusasirane
	Ubuzererezi no guta ishuri kw'abana	Hatanzwe ibiganiro ku byiza byo kwimakaza isuku mu muryango	Abana 6 bashubijwe mu ishuri kandi bariga neza n'ababyeyi babo babafatiye ingamba	Ubushobozi buke bw'ababyeyi butuma abana batabona ibikoresho by'ishuri, abana nabo bakajya gushaka akazi bagata ishuri	Gukomeza kuganiriza ababyeyi no gusura imiryango

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
	Gutwita kw'abangavu	Haganirijwe urubyiruko ku Ubuzima bw'imyororokere	Kubera ubukangurambaga, urubyiruko rugenda rusobanukirwa n'ubuzima bw'imyororokere	Hari abangavu bagishukwa n'ibintu bahabwa bakishora mu ngeso mbi	Gusaba gukangurira ababyeyi kuganira n'abana mu miryango
NYARUGENGE Nyamirambo, Mumena, Kiberinka	**Ubwitabire mu Mugoroba w'Ababyeyi**	Hitabiriye abantu 52, abagore 40 n'abagabo 12. Hatanzwe ibiganiro bigamije gusobanura imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi n'akamaro kawo mu batuye umudugudu bose	Abagore n'abagabo bitabira Umugoroba w'Ababyeyi, urubyiruko narwo rukagenerwa umunsi bakabaganiriza	Abagabo biracyari bake mu bwitabire Hari urubyiruko narwo rutabiha agaciro ntibitabire igihe babatumiye	Gukomeza ubukangurambaga cyane cyane ku bagabo n'urubyiruko.
	Gukemura amakimbirane mu miryango	Hatanzwe ibiganiro ku buryo bwo gukemura amakimbirane	Imiryango yarangwagamo amakimbirane yarasuwe iraganirizwa. Hari imiryango yabanaga idasezeranye, ikaba yarasezeranye	Haracyari imiryango igira ingeso z'ubusinzi n'ubusambanyi ku buryo ihoramo amakimbirane	Gukomeza igikorwa cyo gusura ingo no kubagira inama
	Umuco wo kwizigamira	Hatanzwe ibiganiro bikangurira abatuye umudugudu kugira umuco wo kuzigama no gukorana n'ibigo by'imari no kwishyiriraho ikimina mu Mudugudu	Muri uyu mudugudu abenshi bafite konti mu bigo by'imari no mu ma Banki. Abagore nabo bafite konti. Bashyizeho n'ikimina bazigama binyujijwe mu UWA	Hari abanga kujya mu kimina cy'umudugudu kubera ko ari abayobozi cyangwa bajijutse	Gukomeza ibiganiro binyuze mu Umugoroba w'Ababyeyi no gusura abatitabira
	Kurinda abana ubuzererezi no guta ishuri	Habayeho igikorwa cyo kuganira n'ababyeyi impamvu itera abana bo muri uyu mudugudu ubuzererezi butuma abana bata ishuri	Hari ababyeyi bafashe icyemezo cyo kujya bakurikirana abana ku ishuri no kuganira n'abarimu babo kenshi mu rwego rwo gukurikirana imyigire yabo	Hari ababyeyi bataye inshingano zabo nk'ababyeyi kuko birirwa mu mirimo, bakagenda bazindutse bakagaruka mu rugo	Gufatanya n'inzego z'ibanze mu gufata abana bazerera bataye ishuri bakajya mu mihanda no kubasubiza mu

AKARERE	GAHUNDA Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO	IBIKORWA BYAKOREWE MU MUGOROBA W'ABABYEYI	UMUSARURO BYATANZE	IBIBAZO BYAGARAGAJWE	UKO BYAKEMUTSE
				nijoro ntibamenye imibereho y'abana babo mu rugo	miryango yabo

IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE MU MIKORERE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI MURI RUSANGE

- Mu Turere tumwe ntibaramenya ko umubare w'abagize Komite Nyobozi z'Umugoroba w'Ababyeyi wavuye ku bantu 5 ukagera kuri 7 nk'uko amabwiriza ya Minisiteri y'Umuringanire n'Iterambere ry'Umuryango abiteganya. Ni ukuvuga ko bamwe ntibaruzuza Komite Nyobozi z'Umugoroba w'Ababyeyi,
- Hari abyeyi, baterana mu Mugoroba w'Ababyeyi, umwanya munini bakawugenera ikimina, ugasanga Umugoroba abaturage bamwe bawufata nk'ibimina ntibawuhe agaciro kawo,
- Hari abagabo batitabira Umugoroba w'Ababyeyi bavuga ko nta mategeko abihanira yashyizweho,
- Ingo z'abantu bajijutse cyangwa abayobozi ntibitabira Umugoroba w'Ababyeyi, bigaca abaturage intege hamwe na hamwe nabo ntibawitabire ku buryo bushimishije,
- Ingo z'abayobozi cyangwa abantu bajijutse bafite amakimbirane mu ngo zabo ntibemera ko ingo baturanye zibaganiriza ngo bajye inama, basuzugura inama z'ababyeyi mu Mugoroba w'Ababyeyi,
- Abagize Komite Nyobozi z'Umugoroba w'Ababyeyi bakeneye amahugurwa kuko usanga bamwe badasobanukiwe neza n'inshingano zabo,
- N'ubwo Umuyobozi w'Umudugudu yashyizwe muri Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi, hari aho batajya bitabira Umugoroba w'Ababyeyi bigatuma Komite Nyobozi cyangwa abaturage muri rusange bamufata nk'aho abatererana,
- Amakayi bakoreramo raporo mu Mugoroba w'Ababyeyi birabagora kuyagura kuko UWA utagira amafaranga, biba ngombwa ko Komite Nyobozi yishakamo amafaranga yo kubigura.
- Kudatanga neza raporo z'Umugoroba w'Ababyeyi

ICYAKORWA

- Gukomeza gukangurira abayobozi n'abandi bajijutse batuye mu mudugudu kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi no kuwuha agaciro,
- Gusaba mu midugudu kuzuza umubare w'abagize Komite Nyobozi ukava ku bantu 5 ukagera ku bantu 7 nk'uko Imirongo ngenderwaho y'Umugoroba w'Ababyeyi ubiteganya
- Gukora amahugurwa ya Komite Nyobozi z'Umugoroba w'Ababyeyi kugirango basobanukirwe neza n'inshingano zabo,
- Gusobanurira abaturage ko imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi itandukanye n'ibimina,
- Gukomeza ubukangurambaga kugirango Umugoroba w'Ababyeyi witabirwe n'abantu b'ingeri zose cyane cyane mu Karere ka Nyarugenge.

UMWANZURO

Muri rusange, Umugoroba w'Ababyeyi urakora, ariko hose ntibakora kimwe bitewe n'abawuyobora. Ni byiza ko hakorwa amahugurwa y'abagize Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi kugirango bagire imyumvire n'imikorere imwe, kandi abatuye umudugudu bakomeze bakangurirwe kuwitabira.

KAMANZI Jakline

Umunyamabanga Nshingwabikorwa

W'Inama y'Igihugu y'Abagore